

Ibibazo abantu bakunze kwibaza ku nkingo za COVID-19



Ni izihe ngaruka ziterwa n'inkingo za COVID-19?

Ni ibisanzwe ko abantu bagira ibimenyetso cyangwa ingaruka mbi byoroheje cyangwa biringaniye nyuma yo guterwa urukingo. Ibimenyetso byoroheje cyangwa biringaniye birimo ibantu nko guhinda umuromo cyangwa guhisha ahegereye aho urushinge rwaterwe.

Ubusanzwe nta mpamvu yo guhangayika igihe ugaragaje ibimenyetso kuva ku byoroheje kugeza ku biringaniye mu minsi mike nyuma yo guterwa urukingo. Ibi bivuze ko umubiri wawe uba watangiye gukora kugira ngo wubake ubudahangarwa kandi ukaba urimo kwiga kurwanya indwara.



Mbese urukingo rwa COVID-19 ruzagura amafaranga angahe?

Inkingo za COVID-19 ziguzwe mu madolari asorwa n'abanyamerika zizahabwa buri wese nta kiguzi. Niba ufile ubwishingizi, abatanga inkingo bashobora kwishyuza ubwishingizi bwave amafaranga y'ibikorwa byo gutanga cyangwa gutera urukingo. Ariko nta muntu wagombye kwimwa urukingo niba adashoboye kwishyura.

Ni ngombwa kuba umunyamerika, gutura muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika cyangwa kugira viza kugira ngo nterwe urukingo?

Oya. Imimerere y'ubwimukira bwave ntizakubuza gukingirwa. Amakuru yawe bwite ni ibanga kandi arengerwa n'amategeko. Niba uri muri rimwe mu matsinda y'ikiciro gifite ibyago arimo gukingirwa ubu, hamagara umukoresha wawe cyangwa ishami ry'ubuzima rikwegereye kugira ngo ubone ibindi bisobanuro. Ushobora gusabwa kwerekana icyemezo cy'uko kuri ubu ukorera aho, nk'ikarita yawe y'akazi.





Nkeneye indangamuntu kugira ngo mpabwe urukingo?

Bamwe mu batanga inkingo bazagusaba gusa kwerekana imeyili yemeza wabonye umaze kwiyandikisha kugira ngo uhabwe gahunda y'urukingo, ariko abandi bashobora kugusaba kwerekana ikikuranga kiriho ifoto igihe uje kuri gahunda yawe.

Dukoresha amakuru yawe bwite ku bintu 2 gusa:


- 1 Kugira ngo tumenye neza ko ukuze bihagije ku buryo wakingirwa.
- 2 Kugira ngo twizere ko dukingiye umuntu nyakuri. Tugomba kumenya neza ko izina ry'umuntu urimo gukingirwa rihuye n'iriteganyijwe kuri gahunda. Bizagusaba guterwa urukingo rwa 2 nyuma y'ibyumweru bike utewe urwa mbere. Impapuro zose zigomba guhura kugira ngo dushobore kumenya neza ko nta kibazo gihari mu gihe uje guterwa urukingo rwa 2.



Ntabwo duha amakuru yawe abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko cyangwa abashinzwe abinjira.

Wakoresha ubwoko butandukanye bw'icyangombwa kikuranga kiriho ifoto ku benshi mu batanga inkingo. Bazakenera gusa icyangombwa kikuranga kiriho ifoto yawe, amazina n'itariki y'amavuko. Ushobora gusabwa kuzana ubundi bwoko bw'icyemezo cy'uko utuye mu ntara, nka fagitire ya gazi cyangwa y'ikindi gikorwa rusange, niba icyangombwa kikuranga kitariho aderesi yawe. Wabaza ishami ry'ubuzima rikwegereye cyangwa utanga inkingo niba ufite iaibazo.

Niba urimo gukingizwa n'umukoresha wawe, ushobora gusabwa kwerekana icyemezo cy'uko kuri ubu ukora aho, nk'ikarita yawe y'akazi.



Ukeneye ibindi bisobanuro kuri COVID-19, ku nkingo za COVID-19 cyangwa ku gihe n'ahantu wakingirirwa, wasura <https://coronavirus.utah.gov/>. Ushobora gufungura konti kuri uru rubuga kugira ngo ujye ubona amavugurura igihe habonetse amakuru mashya y'inkingo.

Niba ufite ibibazo kuri COVID-19 cyangwa ku nkingo, wahamagara telefoni yagenewe COVID-19 **385-273-7878**. Iyi telefoni ikoreshwa n'abanyamwuga mu by'ubuzima bagwa neza bashobora kugufasha gusubiza ibibazo byawe no kubona abagufasha hafi yawe.

Iboneka amasaha 24 kuri 24 iminsi mu cyumweru mu ndimi zirenga 100.